URWEGO RW'IGIHUGU RW'UBUGENZACYAHA Kigali kuwa 17 Mutarama 2020

UBUYOBOZI BUKURU BUSHINZWE IMARI N'ABAKOZI
Website: www.rib.gov.rw
E-mail: info@rib.gov.rw
P.O Box 137 Kigali

ITANGAZO RIGENEWE ABIFUZA GUSABA AKAZI

Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB) ruramenyesha Abanyarwanda babyifuza ko rushaka gutanga akazi mu myanya itandukanye igaragara ku mbonerahamwe yometse kuri iri tangazo.

Ababyifuza barasabwa kugeza ku cyicaro gikuru cya RIB, amabaruwa abisaba ndetse n'inyandiko zigaragaza ko bujuje ibi bikurikira bitarenze tariki **24 Mutarama 2020**:

1. Kuba ari umunyarwanda kandi yitwaje indangamuntu
2. Kuba atarengeje imyaka mirongo itatu n' itanu (35) y'amavuko ku myanya isaba Impamyabushozi za Kaminuza
3. Kuba atarengeje imyaka makumyabiri n'ine (24) ku myanya isaba Impamyabushobozi y'amashuri yisumbuye
4. Kuba afite icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'inzego z'ibanze
5. Kuba yitwaje fotokopi y'Impamyabushobozi y'icyiciro cya kabiri cya Kaminuza (A0) iriho umukono wa Noteri mu mashami yavuzwe mu mbonerahamwe
6. Kuba yitwaje fotokopi y' Impamyabushobozi y'icyiciro cya mbere cya Kaminuza (A1) iriho umukono wa Noteri ku myanya ya Secretary mu mashami yavuzwe mu mbonerahamwe
7. Kuba yitwaje fotokopi y'Impamyabushobozi y'amashuri yisumbuye (A2) iriho umukono wa Noteri ku myanya ya Cashier, Surveillance Officer, Operation Officer na Technical Response Team Officer
8. Kuba afite icyemezo cy'umukoresha wanyuma ku bakoraga
9. Kuba atarigeze yirukanwa burundu mu bakozi ba Leta
10. Kuba yiteguye gukorera aho ariho hose mu gihugu

Abiyandikishije bazamenyeshwa igihe bazakorera ikizamini cy'ijonjora n'aho bazagikorera binyuze ku rubuga rwa RIB, telephone na e-mail bazatanga.

Bikorewe i Kigali, kuwa 17/01/2020.

Theoneste SEZIRAHIGA
Umuyobozi Mukuru ushinzwe abakozi n'imali.